# 144: Yesu ndagukunda cyane ndakwihaye

1.

Yesu ndagukunda cyane ndakwihaye nzinutsw’ukw’ibyaha byanjye binezeza mucunguzi wanjye yesu nyir’ubuntu bwose ntabwo nigeze ngukund’uko ngukund’ubu.

2.

Ngukunze nkwitur’uko wankunze kera Unyigur’i Gologota ntakwiriye
Ngukundiy’amahwa wanyambariye mu mutwe Ntabwo nigeze ngukund’uko ngukund’ubu.

3.

Nzahora ngukunda Yes’iteka ryose Ngihumeka njye ndirimb’ishimwe ryawe
Ningera mu rupfu nabwo nzagushima ntya nti ntabwo nigeze ngukund’uko ngukund’ubu.

4.

Ningera mu rugo rwa so mwami Yesu nzajya mpaguhamiriz' iteka ryose
nkwikubis’imbere nzagusingiza cyane nti ntabwo nigeze ngukund’uko ngukund’ubu

Visit us at indirimbo.com